

Ikinyarwanda I

009

26/07/2022

02:00 PM - 05:00 PM



**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO RUSANGE
CY'AMASHURI YISUMBUYE, 2021-2022**

IKIZAMINI: IKINYARWANDA I

IGIHE KIMARA: Amasaha atatu (3h00)

AMABWIRIZA:

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabihereye uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'ibibazo 20. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 30)
 - **Igice cya kabiri:** Ikibonezamvugo (amanota 25)
 - **Igice cya gatatu :** Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 30)
 - **Igice cya kane :** Ihangamwandiko (amanota 15)
4. Subiriza mu ikaye yabugenewe wubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
5. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
6. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
7. Kirazira kugaragaza amazina yawe, ay'ishuri wigamo cyangwa ibindi bikuranga ku ihangamwandiko n'ahandi hose hatabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
8. Ukurikize amabwiriza ari kuri buri kibazo.
9. Koresha gusa ikaramu y'**ubururu** cyangwa y'**umukara**.

YAGIYE KWANGARA

Uyu mugani, bawuca iyo bumvise umuntu yikuye mu bususuruke akajya guhobagizwa n'akaga imihanda yose; nibwo bavuga, ngo: "Yagiye kwangara!" (Bamwe banavuga ko yagiye iwabo w'abakobwa). Wakomotse kuri Nyiramataza muka Rukali; ahasaga umwaka wa 1400. Yikuye mu bususuruke yicyura kwa Ngara, amaze kugerayo hamuhindukira inka y'inkungu; atangira guhobagizwa n'umuruho.

Mibambwe Sekarongoro uwo bitaga Maboko atanga ataziganya, Rugabishabirenge, yari afite umugaragu we akitwa Rukali, akaba umutware w'Insanga. Yari yaramutonesheje by'akadasohoka. Rukali uwo yari afite umugore umwe rukumbi witwa Nyiramataza, yaramugize inkundwakazi bitavugwa, arahira kutazamuharika. Yari afite n'ingo nyinshi mu turere yagabiwe na Sekarongoro, zose zikagengwa na Nyiramataza. Urugo rumwe rwari i Rugobagoba na Bugoba hafi ya Kamonyi, urundi ruri i Buguli na Bugoba i Rukoma na Ngamba, urwa gatatu ruri i Bugaragara na Shyorongi rya Bumbogo bwa Huro, urundi ruri i Zoko na Mugina mu Buyaga bwa Byumba; hakaba n'urw'i Ntebe na Rukara mu Buganza bwa ruguru. (Imisozi yo hagati y'izo ngo yatwaraga Rukali, kuva i Rugobagoba kugeza i Ntebe; yose ikayoboka Nyiramataza).

Nuko Nyiramataza abumba ibya Rukali byose, arakira aradabagira, umurengwe uramusaguka; bituma inshuti z'umugabo we, n'abavandimwe ndetse n'abagaragu be bamubaza bati: "Ariko ko ureba uko ubukire bwawe bungana, igituma Nyiramataza yakwihariye muri bwo ni iki?" Arabasubiza ati: "Sinziharikira umugore, nzamutunga wenyine!" Bakurayo amaso bati: "Si gusa yaramuroze!" Ibyo bamubwiye biherereye, agahita ajya kubibwira umugore we. Biba aho bityo, imyaka irahita indi irataha. Bukeye hakaba umugabo witwa Ngara, atuye i Gahini na Rukara, azindukira i Ntebe kwa Rukali. Ubwo ni ho Nyiramataza yari ari. Asanga Rukali yaragiye i Nduga mu rugo rw'i Rugobagoba. Aravunyisha. Bamubwira ko Rukali adahari ati: "Nimumbwirire umugore we aze mumutumeho." Bashyikirije Nyiramataza ubutumwa ati: "Nimumubwire aze." Ngara araza bararamukanya, baraganira bishyira kera. Ngara uwo ngo yari inganirizi kabuhariwe, agasetse agati kagaturika akandi kakamera. Aganiriza Nyiramataza, asigaho no kumuganirira, aramunyura amuzinutsa umugabo we. Kuva ubwo baruzura baba agati k'inkubirane. Bukeye Rukali akubuka i Rugobagoba mu

Nduga, asubira i Ntebe mu Buganza. Ageze iwe Nyiramataza ntiyamwikoza, akamureba nk' icyo imbwa ihaze. Uko baganiriye akamwimyozza kuko umushyikirano wa Ngara wari waramumuhugije, aho kumwishimira akimyoza.

Rubanda rero batangira kubihwihwisa bigera kuri Ngara. Amaze kumenya ko Nyiramataza yirozonga umugabo we aramugenderera. Binikiza ikiganiro, kimaze kunoga Ngara aramubaza ati: "Mbese waje nkakwicyurira ukabisa Rukali?" Biba korosora uwabyukaga! Nyiramataza ati: "Ahubwo unkuye mu isoni, n'ubundi sinkwiye gutungwa na kiriya gihondogoro!" Baheraho barashembekeranya inama iranoga. Nyiramataza arara ataraye, mu gitondo asezera kuri Rukali ati: "Urabeho ngurwo urugo rwawe." Aramwimura yigira kwa Ngara!

Agezeyo amusangana abagore batatu, ababamo uwa kane. Ngara aramuharara, by'amareshyamugeni. Iminsi y'ubuki imaze gushira atanga ibihe byo gutaha mu ngo ze zose. Nyiramataza abonye iminsi irenze icumi ataramugeraho, ararakara kubera akamenyero ko kwa Rukali yari yarihariye. Birashyira aratahirwa. Ngara atungutse umugore amukubise amaso atera hejuru ati: "Ntabwo nashobora gutungwa n'umugabo uraraguza." Ngara afata ubushungu (ararakara) ahamagaza ingobyi bayisasamo igisura (cyari ikimenyetso cy'umugore usenzwe n'ubusambanyi) banaguriramo Nyiramataza barahaka bamujyana iwabo asendwa atyo umukiro we ugenda nka nyomberi.

Nuko Nyiramataza amaze gusendwa umuruho uramwokama, aratindahara karahava atangira guhobagira imihanda yose rubanda bakamushungera bamuha urw'amenyo, ngo: "Reka abone ni we wikuye mu bususuruke, ngo aha agiye kwa Ngara!" Kuva ubwo rero n'undi wese witesheje ubususuruke abitewe n'umurengwe, akajya kurindagira azerera, bakavuga, bati: "Yagiye kwangara (kwa Ngara) aka Nyiramataza."

Kujya kwangara : guhobagira cyangwa guhobagizwa n'umuruho.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe. (amanota 2)
- 2) Garagaza uwo imvugo « yagiye kwa ngara » yakomotseho. (amanota 2)
- 3) Tanga ingero ebyiri zigaragaza ko Nyiramataza yari indashima. (amanota 2)
- 4) Gereranya imyitwarire ya Nyiramataza n'ya Rukali. (amanota 2)
- 5) Andika amazina abiri bahimbaga Mibambwe Sekarongoro. (amanota 2)
- 6) Vuga ahantu hatatu Rukali yari afite ingo. (amanota 3)
- 7) Tanga imigani y'imigenurano ibiri (2) wacira Nyiramataza ugendeye ku myitwarire ye. (amanota 2)

- 8) Erekena imbusane z'amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo atsingagiye dusanga muri uyu mwandiko: (amanota 5)
 - (a) Rukali yari yaragize Nyiramataza **inkundwakazi**.
 - (b) Ibyo bamubwiye **biherereye** agahita abimubwira.
 - (c) Baraganira **bishyira kera**.
 - (d) Rubanda batangira **kubihwihwisa** bigera kuri Ngara.
 - (e) Ngara **afata ubushungu**.

- 9) Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko: (amanota 5)
 - (a) Guhindura umuntu urw'amenyo
 - (b) Guhwihwisa
 - (c) Kureba nk'icyo imbwa ihaze
 - (d) Kwiwizongera
 - (e) Amareshyamugeni

- 10) Hitamo igisubizo kiboneye mu bikurikira : (amanota 5)
 - (a) **Mibambwe Sekarongoro Mutabazi yabayeho:**
 - (i) Mu mwaka wa 1500
 - (ii) Nyuma gato y'umwaka wa 1400
 - (iii) Mbere gato y'umwaka wa 1400
 - (iv) Nyuma y'umwaka wa 1300

(b) Ngara aravunyisha bivuga:

- (i) Asaba kumuvuna.
- (ii) Agera ku muvunyi .
- (iii) Asaba kwinjira.
- (iv) Avuna abandi.

(c) Imisozi iyoboka Nyiramataza bivuga ko:

- (i) Imisozi yose yezeho imyaka ya Nyiramataza.
- (ii) Abantu bose bamubereye abagaragu
- (iii) Imisozi yose yaramugabiwe.
- (iv) Abantu bose bakunda Nyiramataza.

(d) Nyiramataza yakunze Ngara kubera ko:

- (i) Yari mwiza kurusha Rukali.
- (ii) Yari umukire kurusha Rukali.
- (iii) Yari umusore mwiza kandi Rukali ari igisaza k'igihondogoro
- (iv) Yari afite utugambo turyohereye n'akarimi gasize umunyu.

(e) Iminsi ya buki bivuga :

- (i) Igihe ubuki ari bwinshi mu mizinga.
- (ii) Igihe cya Noheri n'Ubunani.
- (iii) Iminsi ya mbere ku bashyiringanywe.
- (iv) Igihe cy'umwero w'imyaka.

IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 11) Erekena uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga itondaguye wifashishije urugero rw'inshinga itondaguye. **(amanota 5)**
- 12) Hanga interuro zawe bwite dusangamo ibikurikira : **(amanota 5)**
- (a) Ntera
 - (b) Izina ntera
 - (c) Igisantera
 - (d) Indangahantu
 - (e) Inshinga itondaguye
- 13) Garagaza intego z'amagambo atsindagiye n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe mu mpine: **(amanota 10)**
- (a) U Rwanda ni igihugu kiza, murebe ukuntu Imana **yarutatse** ikarunogereza.
 - (b) **Nabyanze** mbishaka kuko inzira yanyereraga.
 - (c) Naje gusanga ubukwe ari **impuzamiryango**.
- 14) Tanga urugero rw'izina kuri buri bwoko bw'amazina y'urusobe. **(amanota 5)**
- (a) Amazina y'inyunge:
 - (b) Amazina y'urujyanonshinga:
 - (c) Amazina y'akabimbura:
 - (d) Amazina y'imisuma:
 - (e) Amazina yunzwe n'ikinyazina ngenera:

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

15) Tanga ingero eshanu (5) z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. **(amanota 5)**

16) Ica ibi bisakuzo bikurikira ukoresheje amagambo wahawe: Sakwesakwe!
umubagazi, ijwi, umuyaga, imyugariro, inyana iri mu nda ya nyina.

(amanota 5)

- (a) Akari inyuma ya Ndiza urakazi ?
- (b) Mpagaze mu mpinga mpenera ab'epfo!
- (c) Nagutera icyambuka uruzi kitagira amaguru!
- (d) Nagutera ikigira izina kitagira ibara!
- (e) Abakobwa banjye barara bahagaze bwacya bakaryama!

17) Ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku: **(amanota 10)**

(a) Tandukanya amagambo yandikwa atya ukurikije ubutinde n'amasaku
ugabanya ibimenyetso: **(amanota 6)**

- Kureka (gutega amazi) ≠ (kwihorera)
- Gukuka (amase) ≠ (iryinyo)
- Ubwenge (ubuhanga) ≠ (imyobo mito)

(b) Andika interuro ikurikira ugaragaza ubutinde n'amasaku kandi ugabanya
ibimenyetso: **(amanota 4)**

Biba aho wa mukobwa arakura nk'abandi bose.

18) Tanga imigenurano ijyanye n'ibisobanuro bikurikira: **(amanota 5)**

(a) Ushoboye kwihangana agategereza agera ku kiza yashakaga.

(b) Utahagurutse ngo arebe icyo ahandi bamurusha, ntamenya aho umukiro
uherereye.

(c) Imico myiza cyangwa mibi bayikomora (bayica) ku babyeyi.

(d) Kwigana imico y'undi si byiza kuko ishobora kugushyira mu bibi cyangwa
mu kaga.

(e) Iyo umuntu agenda akomeza kongera imico mibi amaherezo ni we bigiraho
ingaruka.

- 19) Simbuza amagambo ari mu dukubo andi yabugenewe: **(amanota 5)**
- (a) Uriya mwana arareba nk'inyana iri mu (nzu yayo).
 - (b) Jyana icyo gisabo (ukimanike) mu mwanya wacyo.
 - (c) Abakaraza babanje (gushyira ingoma ku muriro) mbere yo kuzivuzza.
 - (d) Kagabo yakandagiye mu (kirundo) k'intozi.
 - (e) Tuvuye kureba inkwavu mu (kazu kazo).

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

- 20) Andikira ibaruwa mubyara wawe uba mu Karere ka Taba, umubwire uko umeze ku ishuri umusabe ko muzanahura mu biruhuko. Wandike mu mazina ya Kabasha Sakindi wiga mu Rwunge rw'Amashuri rwa Mugano.

(amanota 15)